RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY

Inspiring development

# ITANGAZO

Hashingiwe ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye tariki ya 30 Mata 2020, haganirwa ku ngamba zo kurwanya no gukumira icyorezo cya COVID-19 mu Rwanda, turamenyesha Abaturarwanda ibi bikurikira:

**1.** Serivisi zo gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange zizasubukurwa tariki ya 04 Gicurasi 2020. Abagenzi baramenyeshwa ko nta ngendo zemewe ziva mu Mujyi wa Kigali zerekeza mu Ntara, cyangwa ziva mu Ntara zerekeza mu Mujyi wa Kigali; ndetse imodoka zitwara abagenzi mu Ntara ntizemerewe kuva mu Ntara imwe zijya mu yindi.

2. Abagenzi baributswa ko bagomba gukaraba intoki mbere yo kwinjira muri bisi, kwambara udupfukamunwa, no kubahiriza intera iteganyijwe byibura ya metero imwe binjira cyangwa basohoka muri bisi.

3. Muri rusange, imodoka zitwara abagenzi zizajya zitwara kimwe cya kabiri cy'umubare w'abagenzi zari zisanzwe zitwara, kandi ba nyiri amabisi barasabwa gushyira ibimenyetso ku ntebe abagenzi bemerewe gukoresha zigatandukanywa n'izidakoreshwa mu rwego rwo kubungabunga intera hagati y'abagenzi bari muri bisi.

4. Hashingiwe ko amabisi azajya atwara kimwe cya kabiri cy'umubare w'abagenzi yatwaraga, ibiciro by'ingendo bihinduwe mu buryo bukurikira: mu Mujyi wa Kigali, igiciro cyongerewe kuva ku mafaranga 22/Km kugera ku mafaranga 31.8/Km. Naho mu Ntara, igiciro cyongerewe kuva ku mafaranga 21/km kugera ku mafaranga 30.8/km. Ibi bizashoboza ba nyiri amabisi gutanga serivisi kandi hubahirizwa amabwiriza ajyanye guhana intera hagati y'abagenzi mu rwego rwo

rura RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
Inspiring development

kwirinda ikwirakwizwa rya Covid-19. Urutonde rw'ibiciro by'ingendo ruri ku mugeraka w'iri tangazo.

5. Abakozi b'amasosiyete atwara abagenzi (abashoferi, abatanga amatike n'abandi) bagomba kwambara udupfukamunwa kandi bakubahiriza amabwiriza yose amabwiriza yose ya Guverinoma yo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya Covid-19
6. Abatanga serivisi zo gutwawra abantu n'abagenzi barasabwa gukoresha ikoranabuhanga mu kwishyuza no kwishyura kugira ngo hirindwe ihanahana ry'amafaranga mu ntoki rishobora gutiza umurindi ikwirakwizwa ry'icyorezo cya Covid-19.

**Bikorewe i Kigali, 03 Gicurasi, 2020.**

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
REPUBULIKA Y'U RWANDA

_______________________